# REPUBLIC OF RWANDA

**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**
**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
**UBUSHINJACYAHA BUKURU**

**P.O. Box 1328** **Kigali – RWANDA**
**E-mail :** info@nppa.gov.rw **Web site:** www.nppa.gov.rw


## ITANGAZO RY'AKAZI

UBUSHINJACYAHA BUKURU BURAMENYESHA ABANYARWANDA BOSE BABYIFUZA KANDI BUJUJE IBYANGOMBWA BISABWA KO BUSHAKA GUTANGA AKAZI KU MYANYA Y' UMUSHINJACYAHA KU RWEGO RWISUMBUYE NO KU RWEGO RW'IBANZE NDETSE NO KU MYANYA Y' UMUFASHA W' UBUSHINJACYAHA KU RWEGO RWISUMBUYE NO KU RWEGO RW'IBANZE**.**

UBUSHINJACYAHA BUKURU BUSHINGIYE KU NGINGO YA 2, 3, 6, 10 NIYA 33 ITEGEKO N°44BIS/2011 RYO KU WA 26/11/2011 RIGENA SITATI Y'ABASHINJACYAHA N'ABANDI BAKOZI BO MU BUSHINJACYAHA BUKURU NK'UKO RYAVUGURUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU, **BURAMENYESHA ABIFUZA GUPIGANIRA IYO MYANYA KO BAGOMBA KUBA BUJUJE IBI BIKURIKIRA:**

1. KUBA ARI UMUNYARWANDA;
2. KUBA AFITE NIBURA IMYAKA MAKUMYABIRI N' UMWE (21) Y' AMAVUKO;
3. KUBA BAFITE IMPAMYABUMENYI MU BY'AMATEGEKO *''BACHELOR'S DEGREE IN LAW''*;
4. KUBA ARI INYANGAMUGAYO;
5. KUBA ATARAHAMWE N' ICYAHA CY' IVANGURA N' AMACAKUBIRI;
6. KUBA ATARAHAMWE N' ICYAHA CYA JENOSIDE;
7. KUBA ATARAHAMWE N' ICYAHA CY' INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE;
8. KUBA ATARAHAMWE N' ICYAHA CYA RUSWA N' ICY' INYEREZA RY' UMUTUNGO RUSANGE;
9. KUBA ATARIGEZE YIRUKANWA MU MIRIMO YAKOZE BITEWE N' UKO YAKORESHEJE UBURIGANYA, YATAYE UMURIMO CYANGWA SE YANZE KUWUGARUKAHO YARI YARASEZEREWE BY' IGIHE GITO CYANGWA SE ATARAWUGARUTSEHO IGIHE YARI ABISABWE;
10. KUBA ATARAMBUWE N' INKIKO UBURENGANZIRA MBONEZAMUBANO N' UBWA POLITIKI;
11. KUBA ATARAKATIWE BURUNDU IGIHANO CY' IGIFUNGO KIRENZE CYANGWA KINGANA N' AMEZI ATANDATU (6)
12. KUBA AFITE ICYEMEZO CY'UKO YATSINZE INYIGISHO MU ISHURI RYEMEWE NA LETA RYIGISHA UMWUGA MU BY'AMATEGEKO

**IBISABWA BYIHARIYE:**

1. KUBA BAFITE UBURAMBE MU KAZI NIBURA BW'IMYAKA ITATU (3) MU BY'AMATEGEKO KU BAPIGANIRA UMWANYA W'UMUSHINJACYAHA WO KU RWEGO RWISUMBUYE (INTERMEDIATE LEVEL)
2. KUBA BAFITE UBURAMBE MU KAZI NIBURA BW'UMWAKA UMWE (1) MU BY'AMATEGEKO KU BAPIGANIRA UMWANYA W'UMUFASHA W' UBUSHINJACYAHA WO KU RWEGO RWISUMBUYE (INTERMEDIATE LEVEL)
3. KUBA ARI INDAKEMWA MU MICO NO MU MYIFATIRE.

DOSIYE Z'ABAKANDIDA KURI IYO MYANYA ZIGOMBA KUBA ZIGIZWE N'IBI BIKURIKIRA:

1. IBARUWA YANDIKIWE PEREZIDA W' INAMA NKURU Y' UBUSHINJACYAHA KU BASABA AKAZI K' UBUSHINJACYAHA N' IYANDIKIWE UMUSHINJACYAHA MUKURU KU BASABA AKAZI K' UMUFASHA W'UBUSHINJACYAHA;
1. UMWIRONDORO W' USABA AKAZI;
2. KOPI Y'IMPAMYABUMENYI;
3. KOPI Y'INDANGAMUNTU;
4. ICYEMEZO CY'UBURAMBE MU KAZI NIBURA BW'IMYAKA ITATU (3) MU BY'AMATEGEKO KU BAPIGANIRA UMWANYA W'UMUSHINJACYAHA WO KU RWEGO RWISUMBUYE (INTERMEDIATE LEVEL);
5. ICYEMEZO CY'UBURAMBE MU KAZI NIBURA BW'UMWAKA UMWE (1) MU BY'AMATEGEKO KU BAPIGANIRA UMWANYA W'UMUFASHA W' UBUSHINJACYAHA WO KU RWEGO RWISUMBUYE (INTERMEDIATE LEVEL);

BURI DOSIYE YUZUYE IZOHEREZWA KURI EMAIL IKURIKIRA BITARENZE KUWA KABIRI TARIKI YA 02/11/2021 SAA KUMI N'IMWE ZA NIMUGOROBA.

1) nppa.recruitment@nppa.gov.rw

Bikorewe i Kigali none kuwa 21/10/2021

Digitally signed by NPPA (D PG)
Date: 2021.10.21 15:27:10 +02'00'

**HAVUGIYAREMYE Aimable**
**Umushinjacyaha Mukuru**